Umuti wo kuzahura ireme ry'uburezi muri Kaminuza za Afurika witezwe i Kigali

Yanditswe na Cyprien Niyomwungeri Kuya 3 Nyakanga 2017 saa 03:54

http://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/umuti-wo-kuzahura-ireme-ry-uburezi-muri-kaminuza-za-afurika-witezwe-i-kigali

Zimwe mu mpamvu nyamukuru zituma ireme ry'uburezi ridindira mu Rwanda

Kuva RPF inkotanyi zafata ubutegetsi mu Rwanda ku ngufu z'umuheto zishyigikiwe na ba Gashakabuhake, gahunda ya mbere yabaye iyo gusenya icyitwaga Kaminuza y'u Rwanda ikibagirana burundu. Iyi gahunda rutwitsi iri mu mugambi wiswe uwo kurema u Rwanda rushya, ari wo rangayobora rya RPF mu by'ukuri yongeye kugaragarira mu guca ururimi rw'Igifaransa bagashyiraho Icyongereza, gufunga abanyarwanda bose bize muri kaminuza y'u Rwanda mbere ya 1994 ndetse n'abandi bose barangije amashuri yisumbuye, byaba ngombwa bakabica kuko bavomye ubwenge buhagije n'umuco wo kuvuga icyo utekereza ku mugaragaro no guharanira uburenganzira bwa muntu. Abandi basigaye bakagomba kuba abaja n'abagaragu, bakanahembwa make kugira ngo bajye bakomeza gukoma mu mashyi no gupfukamira ingoma nshya ya Rwanda rushya mu gihe hategerejwe irindi zina ry'ubwami buganje nk'uko Zayire yahindutse Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo.

Ni muri uyu mugambi mubisha Kaminuza y'u Rwanda yari i Butare ubu isa nk'aho nta banyeshuri isigaranye, bakaba baragiye bimurirwa ahandi. Ikindi kandi, nta mwarimu w'umunyarwanda wabaga mu Rwanda mbere ya 1994 ugomba kuba mu bayobozi bakuru ba Kaminuza nshya, amashami yayo cyangwa se udushami. Impamvu nta yindi ni uko abo bake batapfuye cyangwa se ngo bafungwe cyangwa bakaba batarahunze igihugu, bagomba kuba abaja n'abagaragu, bagakora cyane ku gahato, bagahembwa make kandi ntibagere ku rwego rufatirwamo ibyemezo. Niyo mpamvu uzasanga abanyamahanga benshi mu buyobozi bwa Kaminuza imwe rukumbi u Rwanda rufite ubu, ikaba ikora neza neza nk'ishuri Indatwa ryari i Butare mu gihe cya cyami na gikoronize ryigwagamo n'abana b'indobanure bagombaga kuvamo abakozi b'Umwami n'abagombaga gukorana n'abakoroni. Ikindi kibyerekana neza ni uko abanyarwanda bamwe bigira ubuntu, nta faranga na rimwe batanze kurinda barangije amashuri yose abandi bakariha amafranga y'ikirenga.

Leta y'u Rwanda ishishikajwe no kubaka igisirikare mu byiciro byose by'abanyarwanda kugeza n'aho ababikira bihaye Imana na bo bagomba gukora imyitozo ya gisirikare bakambara simoko bagahabwa amapeti. Ubyanze agomba kwica kuko ahita yitwa umwanzi w'igihugu. Abarimu n'abanyeshuri bo mu ngeri zose bo barangije guhabwa amapeti mu gisirikare. Ikindi kandi, biragaragara ko amafaranga yakagiye mu burezi ndetse no mu bushakashatsi bwateza imbere abaturage agomba kujya mu ipereereza kugeza n'aho umwana agomba kuneka ababyeyi be n' ababyeyi na bo bakaneka abana ba bo. Ikindi kandi, abo banyamahanga bahabwa akazi muri za kaminuza no mu bigo bya Leta na bo bagomba kuneka abakozi bakoresha n'abo bakorana bagatanga raporo. Ibi byose bigakurura urwikekwe no kwishishanya, bityo umusaruro mwiza wo ku kazi (urugero: gutegura amasomo agezweho no gukora ubushakashatsi bwakemura ibibazo by'abaturage) ukabura kuko nta bwisanzure, nta mutekano ku mutima, nta mutekano ku kazi, nta mutekano mu buzima bwa buri munsi.

Leta y'u Rwanda ntishishikajwe no kubaka uburezi kuko idashaka umuntu utekereza neza, ngo yitegereze ibibazo biriho, abivuge, abishakire ibisubizo. Ibyo ni ko kubaka ireme ry'uburezi.

Reba ukuntu abarimu bo mu mashuri abanza bahembwa urusenda kandi ari bo musingi w'uburezi (ibihumbi mirongo ine na bitanu by'amanyarwanda). Abarimu bo muri kaminuza na bo bafite PhD ari yo dipolome yo mu rwego rwo hejuru yifuzwa n'ishami ry'umuryango w'abibumye rishinzwe uburezi, ntibarenza ibihumbi magana atandatu by'amanyarwanda ku kwezi, bakaba batageza ku madolari igihumbi y'umushahara ku kwezi, mu gihe umuyobozi w'akarere (mayor) udasabwa amashuri menshi kugira ngo ahabwe uwo mwanya, ahabwa amafranga akubye byibura inshuro eshanu ahabwa umudogiteri w'umwarimu (urugero: amafranga yo kwakira abashyitsi, amafranga ya telefoni igendanwa, amafranga yo gukodesha inzu yo kubamo, guhabwa imodoka nshya y'akazi hakishyurwa icya kabiri gusa, amafranga yo kugura Lisansi, umushahara, n'ibindi). Aha umuntu yakwibutsa ko nta mwarimu ugurizwa na Leta amafranga yo kugura imodoka nshya hakishyurwa icya kabiri, n'iyo yaba ayobora agashami (department) cyangwa ishami (school). Aba bose baba bagomba guhurira ku isoko rimwe bagiye guhaha ibikenerwa mu buzima bwa buri munsi. Ikindi na none, reba ukuntu abana bo mu mashuri abanza ndetse n'ayisumbuye batwara inda z'indaro Leta ihari ntigire icyo ivuga ahubwo igasa nkaho ishyigikiye ayo mahano, kuko abanyarwanda bamwe ari bo Leta ishinzwe kurengera batagaragara mu batwara izo nda z'indaro.

Ikindi kandi, itegereze ukuntu kwigisha mu cyongereza ku ngufu byatumye abarimu batiyumva mu rurimi bigishamo, bigatuma batisobanura neza, bityo umunyeshuri na we akahababarira kuko nta bumenyi ahabwa. Aha umuntu yakwibutsa ko abanyarwanda benshi bari mu gihugu imbere mbere ya 1994, bake bavuye mu gihugu cy'u Burundi, na bake bavuye mu gihugu cya Zayire yongeye kuba Kongo aribo babarizwa mu burezi kandi ibi bihugu uko ari bitatu byarakoreshaga ururimi rw'Igifaransa. Iki cyemezo kikaba cyarafashwe hagamijwe guha amahirwe menshi mu kazi no mu mashuri abanyarwanda bamwe bavuye mu bihugu bikoresha icyongereza (Uganda, Tanzaniya na Kenya), kuneneza Gashakabuhake umwe (Leta zunze ubumwe z'Amerika n'Ubwongereza) ufatwa nk'umufatanyabikorwa no guhangana n'undi Gashakabuhake ufatwa nk'umwanzi (Ubufaransa). Izi ngaruka kandi zikaba zitagera ku bana b'abategetsi kuko biga mu bihugu kikize byo mu burengerazuba bw'isi (urugero: Ubwongereza, Ububirigi, Leta z'Unze ubumwe z'Amerika) ndetse ubu bakaba baranerekeje mu burasirazuba bwayo (urugero: Ubushinwa, Ubuhinde, Koreya y'epfo). Izo ni zimwe muri gahunda za Rwanda rushya zateguwe zikaba zigomba gukurikizwa igihe kirekire, zikaba kandi zigomba kuba umusingi wo gutegura ubwami buganje.

None Minisitiri w'uburezi arabona ireme ry'uburezi rizava he igihe uburezi mu Rwanda bwabaye ubw'abanyarwanda bamwe abandi bakaba bagomba kureka ishuri ndetse n'akazi ko kwigisha byanze bikunze kuko nta bushobozi bwo kuriha amafranga asabwa bafite abandi bakaba batabona inyungu iri mu kwitangira umurimo wo kwigisha. Ikigamijwe na Leta akaba ari ukubaka ubwami buganje aho abanyarwanda bamwe bazongera kwitwa imfura butore abandi bakitwa abaja b'ingarisi.

Niba hari ukundi ubibona, ngaho tubwire twumve!

Umusomyi w'igihe.com na Rwandinfo de Kanyamibwa.

Itariki ya 4 Nyakanga 2017